REPUBURIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUZIMA

TUMENYE KANDI TWISUZUMISHE HAKIRI KARE INDWARA Y'IBIBEMBE

Ibibembe ni indwara yandura, si amarozi, si n'indwara y'umuryango. Ibimenyetso byayo ni ibi bikurikira:





1. Ibara cyangwa amabara yereruka ataryaryata ku ruhu.

2. Kugira ibinya mu ntoki no mu birenge n'ahari amabara.

3. Intoki cyangwa amano byakonjamye.

4. Ibisebe bitababaza mu birenge cyangwa mu biganza.

5. Uduturugunyu ku mubiri.

Ibibembe bigomba kuvurwa hakiri kare kugirango twirinde ubumuga nk'ubu bukurikira:



Mukamana ataravurwa.

Ibibembe ni indwara ivurwa igakira iyo ivuwe kare kandi kwa muganga.
Kuyisuzuma no kuyivura bikorerwa ubuntu.
Niba ufite ibara ihutire kurisuzumisha reka kuryita ikibibi, amahumane cyangwa ise.

Mukamana amaze gukira.

Gashyantare 2014

RWANDA BIOMEDICAL CENTER
A Healthy People. A Wealthy Nation

fondation damien